Nyagatare: Hatashywe Ikiraro cyo mu Kirere

May 1, 2023

Abaturage bo mu Tugali twa Cyenjojo na Kabare mu Murenge wa Rwempasha mu Karere ka Nyagatare, baravuga ko bishimiye ikiraro bubakiwe kibahuza kuko batandukanye no gukora ingendo ndende no kuzenguruka bajyana umusaruro wabo ku isoko.

Iki kiraro kireshya na metero 60 kinafite ubushobozi bwo kwikorera hafi toni 20, cyubatswe mu mezi atatu kikaba cyaratwaye amafaranga y'u Rwanda angana na Miliyoni 106,587,952.

Mu miterere y'utu Tugari twombi ubusanzwe tugabanywa n'umugezi w'Umuvumba aho abaturage batwo bakunze kujya bumvikanisha ko bakeneye ikiraro.

> *VIDEO: Gutaha ikiraro cyo mu kirere gihuza utugari twa Cyenjojo na Kabare two mu murenge wa Rwempasha. Iki kiraro gifite uburebure bwa metero 60, cyuzuye gitwaye asaga miliyoni 106. @RwandaEast @RwandaLocalGov @B2P @FortisConstruct pic.twitter.com/3nN1aYn1mG*
>
> *— Nyagatare District (@NyagatareDistr) April 28, 2023*

Gasana Stephen umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare, aravuga ko gahunda yo kubaka ibiraro mu Karere aho bikenewe ikomeje ndetse ko uko byubakwa bihindura imibereho y'abaturage nabo bagasabwa kubifata neza.

> *Muri @Rwempash_Sector hatashywe ikiraro cyo mu kirere gihuza utugari twa Cyenjejo na Kabare two muri uyu murenge cyubatswe ku bufatanye bwa @NyagatareDistr na @B2P hagamijwe koroshya ubuhahirane, kikaba cyaratwaye asaga miliyoni 106, gifite uburebure bwa metero 60. pic.twitter.com/TLf12gslQg*

— *Nyagatare District (@NyagatareDistr) April 28, 2023*

Iki kiraro gikoze ku buryo kinyurwaho n’abanyamaguru ndetse n’ibinyabiziga bito nka moto n’amagare, kikaba cyizafasha abaturage barenga ibihumbi 6 bo muri twa Tugari tubiri.